

Ubutumwa bwa imeyiri burimo ibisubizo by'ibizamini

Muraho:

Urakoze gufata umwanya kugira ngo usangize ibipimofatizo by'ibikikije urugo rwawe. Kandi turanagushimira ku bwo kwihangana tukavugurura amabwiriza yacu agenga ibipimofatizo . Twasuzumye ibipimofatizo byawe kandi twabonye ibisubizo by'ibikubiye mu gasanduku k'ibikoresho byifashishwa mu gusuzuma indwara iterwa n'uburwayi bwa polo . Raporo yawe, yatunganyijwe n'Ikigo cya “IUPUI Center for Urban Health and Map My Environment Team” igaragaza niba polo yaragaragaye cyangwa itaragaragaye iwawe , hashingiwe ku nama za EPA ku bufatanye na leta ndetse n'intara ya Marion.

Ububiko bw'amakuru bwa “The Map My Environment” buha abashakashatsi ibyo bifashisha byiza cyane mu gusobanukirwa ibyiciro byo gukwirakwira kwa polo n'ibindi byanduza mu gace utuyemo ndetse n'ahandi ku isi. Ku mugereka, hari raporo ikubiyemo amakuru yerekeye polo yapimwe mu nzu yawe no hanze yayo. Numenya ko polo iri mu rugo rwawe, ukwiyek umenya uko utari wenyine. Tuzi ko aya makuru utayakira neza, ariko ubumenyi nibwo bushobozi . Hifashishijwe amakuru y'ibanze , ushobora kugenzura ibyanduza urugo rwawe no kumenya uko wabana neza na polo bitaguhungabanyije.

Turizera ko ushobora kubona iyi raporo ko ari ingirakamaro kandi ikubiyemo amakuru. Niba wifuza kumenya ibindi byerekeye kwandura kw'ibikikije ibice by'umujiyi, reba indi mishinga cyangwa urebe ikarita yo ku rwego rw'isi yacu y'imiryango migari yakozwe hifashishijwe ubumenyi, sura: www.mapmyenvironment.com.

Usibye inama zo kwirinda polo zagaragajwe muri raporo yawe , ibyifashishwa bikurikira bishobora kuba ari ingirakamaro.

- **“Map My Environment”**: Menya ibindi byerekeye kwandura kw'ibikikije ibice by'umujiyi, reba indi mishinga cyangwa urebe ikarita yo ku rwego rw'isi yacu ishingiyeye ku miryango migari yakozwe hifashishijwe ubumenyi. “Map My Environment” igendera ku bipimofatizo nk'ibyawe byerekana aho polo iri ndetse no mu bidukikije . Sura <https://www.mapmyenvironment.com/> ubone andi makuru.
- **Ikigo cya CDC gifite mu nshingano kurinda abana guhura n'uburozi bwa polo**: Uru rubuga rutanga ibyifashishwa byinshi bijyanye na polo n'abana, polo no mu rugo iwawe n'ibibazo bikunda kwibazwa kuri polo . bit.ly/CDC-PreventLeadPoisoning
- Niba ufite ikibazo cyangwa impungenge ku bijyanye na raporo ikubiyemo ibisubizo by'ibizamini bya polo wakorewe cyangwa ukaba wifuza andi makuru ku byerekeye ku kubana na poro mu buryo butekanye, bimenyeshe kuri aherrman@iupui.edu.

Urakoze.

Angela Herrmann

Ikigo cy'ubuzima bwo mu mujiyi cya IUPUI n'Itsinda rya “Map My Environment”